CESTRAR

Cotraf Rwanda

CONGRÈS DU TRAVAIL ET DE LA FRATERNITÉ DES TRAVAILLEURS

URUBUGA RW'UMURIMO N'UBUVANDIMWE BW'ABAKOZI

"CESTRAR"

COSYLI

**Bwana Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda (RSSB)**

**Impamvu:** Gusaba Inama Nyungurana bitekerezo

Bwana Muyobozi Mukuru,

Nyuma yo kubona ibyatangajwe n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ubwiteganyirize bw'Abakozi mu Rwanda (RSSB) mu itangazo rigenewe abanyamakuru ryo ku italiki 28 Ugushyingo 2024 ryerekeye impinduka muri gahunda ya pansiyo n'inyungu zitezwemo, ibi bikaba byarabereye mu biganiro RSSB yagiranye n'Urugaga rw'Abikorera (PSF), akaba ari narwo ruhagarariye abakoresha mu Rwanda.

Twishimiye ko hari impinduka zakozwe mu byerekeye pansiyo, tukaba tudashidikanya ko zizahindura imibereho y'abajya mu kiruhuko cy'izabukuru kurusha uko byari bihagaze muri iki gihe.

Nk'abahagarariye amasendika y'Abakozi bari mu byiciro binyuranye by'imirimo mu Rwanda, kandi abakozi bakaba ari nabo bagenerwa bikorwa bivugwa muri izo mpinduka, turabasaba ko mwadutegurira **Inama Nyungurana bitekerezo** mu gihe cya vuba kugirango duhabwe amakuru ahagije yerekeranye nayo mavugurura ndetse n'uko bizakorwa, bikadufasha natwe kubisobanurira abakozi duhagarariye.

Tubashimiye imikoranire myiza dusanganywe.

Mugire amahoro,

Bikorewe i Kigali, kuwa 02 / 12 / 2024.

CONGRES DU TRAVAIL ET DE LA FRATERNITE
Uri umuvandimwe
COTRAF - RWANDA
B.P. 1557 KIGALI

| BIRABONEYE Africain | NZABANDORA Eric | SIBOMANA Innocent |
|---|---|---|
| SG / CESTRAR | PRESIDENT/COTRAF-RWANDA | PRESIDENT / COSYLI |

**Bimenyeshejwe:**

- MINECOFIN
- MIFOTRA
- PSF
- Abayobozi b'Amasendika agize Ingaga CESTRAR, COTRAF-RWANDA na COSYLI

CamScanner